# Ibimaze kugaragazwa n'ubushakashatsi bugikomeza ku rugendo rw'umwaka rwa Ndi Umunyarwanda

# Ishusho rusange iva mu bushakashatsi

- Intego yari ukumenya uko urugendo rwa NDU rwagenze, icyo rusigiye abanyarwanda mu mwaka rumaze, gutanga ibipimo bifatika n'uburyo yakomeza
- Ubushakashatsi ntiburagera kuri bose (625/921) n'ubunyurane bw'amatsinda buhagije. Abayobozi bamaze kubazwa ni bake, biganjemo abo mu Ntara cya
- Duhereye ku byo ababajijwe batanze: NDU yageze hose, yabonywe nk'ingirakamaro, bifuza ko yakomeza, batanga inama kuri bimwe na bimwe byanozwa

# Ubutumwa bwa NDU mu nkingi eshatu: Gusobanukirwa n'amateka, gukira ibikomere, kumva agaciro k'imbabazi (kuzisaba no kuzitanga)

- Igishimishije ni uko buri cyiciro cy'ababajijwe (abakuru, ababyiruka, abagore, abagabo, abarokotse jenoside, abafungiwe jenoside, ababaye mu buhunzi mbere na nyuma ya jenoside, abanyapolitiki, …) bose bayibonamo igisubizo cy'umwihariko
- Bati "kumva uwo mudahuje amateka ni byo bitugarura mu gihugu kimwe"; "NDU ituma twiyumvamo agaciro k'umuntu"; "Leta twiciye ni yo iduhaye kugaruka mu bantu"; "NDU izaduha gukurira mu gihugu cyiza"; "NDU ije kudufasha kudahora twibaza icyo uriya adutekerezaho"; …ndetse bagera n'aho babona ko izafasha abashinze ingo kubaka rugakomera.
- Inama batanga:
  - kutitiranya NDU  no gusaba/gusabisha imbabazi
  - Gukumira ko ingengabitekerezo nka Double Genocide, zakuririrwaho iyo uwayoboye ibiganiro atabigaruye ku murongo

# Intumwa ya NDU ibigira ibyayo ikubaka icyizere mu bo itumweho

- Muri rusange, intumwa zakoze akazi keza ko kumvikanisha NDU
- Ababajijwe bibazaga impamvu yari yaratinze ndetse n'ubu bakibaza bati kuki NDU itakomeje umuvuduko yahagurukanye kandi bayinyotewe!
- Bashimye abanyapolitiki "bakoresheje ukuri, ukumva bagukoze ku mutima"
- Ariko bagaragaje ko abayobozi bakwiye kurushaho kubigira ibyabo, imvugo nka "sinari mpari", "simbizi" zigacika, kandi bagatinyuka kuvuga ukuri kose

# Uburyo ubutumwa bwatanzwe

- Henshi intego yo kuvuga mu bwisanzure, koroherana no gutega undi amatwi yagezweho
- Bashimye icyifuzo cya Leta cyo kugeza NDU kuri bose
- Abakoze ihuriro rya NDU ku bwabo babibonyemo umusaruro mwiza
- Inama/ibyifuzo batanga:

➢ Umwanya uhagije wo kuganira kuko “NDU  ari urugendo”

➢ Guteguzwa no kugira uruhare mu gutegura ibiganiro

➢ Guha NDU isura mu buzima bw’abantu kurusha uko yaba politiki

➢ Kuzirikana umutekano w’abaganira n’ihungabana